Republic
of Rwanda

NISR
NATIONAL INSTITUTE OF
STATISTICS OF RWANDA

# 7 UBUSHAKASHATSI KU MIBEREHO RUSANGE Y'INGO MU RWANDA




# EICV7 | 2023-24

"If You Don't Count You Don't Count"

# 7 UBUSHAKASHATSI KU MIBEREHO RUSANGE Y'INGO MU RWANDA

EICV7

# EICV7 2023-24

NISR NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA
EICV7 2023/2024

# INTANGIRIRO

Ubushakashatsi ku mibereho rusange y'ingo bukorwa buri myaka itatu, bugakorerwa mu gihugu hose.

Intego y'ubu bushakashatsi (EICV) ni ukugaragaza igipimo cy'ubukene n'ibindi bipimo by'Imibereho n'ubukungu by'Abanyarwanda.

Ikusanyamakuru mu ngo rimara amezi 12 kugira ngo habashwe gufatwa amakuru y'ingo mu bihe bitandukanye by'umwaka.

Ikusanyamakuru n'isesenguramakuru bikorwa hagendewe ku mabwiriza mpuzamahanga.

# AMATEKA YA EICV

| EICV1 | EICV2 | EICV3 | EICV4 | EICV5 | EICV6 | EICV7 |
|---|---|---|---|---|---|---|
| Yakorwaga buri myaka 5 | | | Ikorwa buri myaka 3 | | | |
| 2001 | 2006 | 2011 | 2014 | 2017 | 2020 | 2024 |

2020: Ntabwo yarangiye kubera Covid-19

2024: Muri EICV7 hakozwe amavugurura kugira ngo haboneke amakuru yuzuye ku mibereho y'ingo n'igipimo cy'ubukene mu Rwanda.

- Iterambere ry'imibereho y'abaturage.
  - Gufatira ifunguro hanze y'urugo
  - Gahunda yo kugaburira abana ku ishuri
  - Ubwiyongere bw'akazi kadashingiye ku buhinzi
- Amavugurura mu buryo bwo gupima no gusobanura igipimo cy'ubukene.

(Hakurikijwe amabwiriza mpuzamahanga)

Ubushakashatsi bwabanje uko ari butandatu (EICV1-EICV6) bwose bwakozwe hifashishijwe uburyo bumwe bw'ubwa EICV1.


# Ibipimo by'ingenzi muri EICV7

- Ibipimo by'ubukene
  - Umurongo w'ubukene
  - Impinduka mu bipimo by'ubukene
  - Ubusumbane
- Ibipimo by'ubukungu n'imibereho
  - Amashanyarazi
  - Amazi meza
  - Telefoni zigendanwa
  - Murandasi
  - Uburezi

# IBIPIMO BY'UBUKENE

## IMPINDUKA ZIJYANYE N'UMURONGO W'UBUKENE (RWF)

### UMURONGO W'UBUKENE BUKABIJE (RWF)





**Kirokarori**

Umurongo w'ubukene bukabije ubarwa hashingiwe ku giciro cy'ibiribwa umuntu afata bitanga kirokarori 2400 ku munsi.

**RWF 356,432**

Ni igiciro cy'ibiribwa bihwanye na kirokarori 2400 ku munsi umwe, umuntu arya mu gihe cy'umwaka. Hashingiwe ku biciro byo muri Mutarama 2024.

### UMURONGO W'UBUKENE (RWF)




**RWF 560,127**

Ni igiciro cy'ibiribwa n'ibindi bintu by'ingenzi umuntu akenera mu gihe cy'umwaka.
Hashingiwe ku biciro byo muri Mutarama 2024.

# IGIPIMO CY'UBUKENE

**27.4%**

Igipimo cy'ubukene muri 2024

**16.70%**

Mu bice by'umujyi


**31.60%**

Mu bice by'icyaro

Igipimo cy'ubukene cyagabanutseho 12.4 % muri 2014 ugereranyije na 2017.

Abaturage **miliyoni imwe n'igice** nibo bavuye mu bukene mu myaka 7 ishize**.**

# IMPINDUKA MU GIPIMO CY'UBUKENE (%)



# IGIPIMO CY'UBUKENE BUKABIJE



**5.4%**

Igipimo cy'ubukene bukabije muri 2024



**3.1%**

Mu bice by'umujyi




**6.4%**

Mu bice by'icyaro

- Igipimo cy'ubukene bukabije cyagabanutseho **5.9%** muri 2024 ugereranyije 2017.

## IGIPIMO CY'UBUKENE N'ICY'UBUKENE BUKABIJE KU RWEGO RW'INTARA (%)


- Intara y'Iburengerazuba niyo ifite umubare munini w'abaturage bari mu bukene



# IKARITA IGARAGAZA UKO UBUKENE BUHAGAZE MU TURERE


Uturere 16 muri 30, dufite igipimo cy'ubukene kiri munsi ya 30%

2024





Uturere 8 muri 30, twari dufite igipimo cy'ubukene kiri munsi ya 30%.

2017




# URUTONDE RW'UTURERE HAKURIKIJWE IGIPIMO CY'UBUKENE (%)




**Uturere 16** dufite igipimo cy'ubukene kiri munsi y'igipimo rusange cy'igihugu.

Uturere 10 dufite igipimo cy'ubukene kiri hejuru ni utwo mu ntara y'Iburengerazuba n'iy'Amajyepfo.

# IGIPIMO CY'UBUKENE MU BAGENERWABIKORWA BA GAHUNDA YA VUP (%)




Igipimo cy'ubukene ku ngo z'abagenerwabikorwa ba VUP kiri hejuru ho 13% ugereranyije n'igipimo cy'ubukene ku rwego rw'igihugu.

# UBUSUMBANE (GINI COEFFICIENT)

Gini coefficent ni igipimo cyifashishwa mu kugaragaza urugero rw'ubusumbane mu baturage. Ni igipimo kibarwa kuva kuri 0 (uburinganire bwuzuye) kugeza kuri 1 (ubusumbane busesuye). Igipimo cy'ubusumbane kiri munsi ya 0.3 kigaragaza sosiyete yubahiriza uburinganire , mu gihe igipimo kiri hejuru ya 0.4 kigaragaza ubusumbane bukabije mu mibereho y'ingo.



**0.37**

Muri 2024 hagaragara ubusumbane budakabije.





Mu bice by'umujyi




Mu bice by'icyaro

Ubusumbane buri ku gipimo cyo hejuru mu bice by'umujyi. Umujyi wa Kigali niwo ufite igipimo kiri hejuru naho intara y'Amajyaruguru ikagira ubusumbane buri hasi.



# IBIPIMO BY'UBUKUNGU N'IMIBEREHO Y'ABATURAGE

## ABAFITE TELEFONI ZIGENDANWA ( % RY'INGO)

2024 — 85%

2017 — 67%

2014 — 64%



94 %


Mu bice by'umujyi
Bivuye kuri 89% muri 2017



81%

Mu bice by'icyaro
Bivuye kuri 62% muri 2017

Igipimo cy'abatunze telefoni zigendanwa cyazamutse cyane mu ngo zo mu cyaro kandi zifite ubushobozi buke, ibyo bigabanya icyuho hagati y'abishoboye n'abatishoboye.




**Quintiles** (Q) ni ibyiciro 5 byifashishwa mu gusesengura amakuru, aho buri cyiciro (quintile) kigizwe n'ingo zifite ubushobozi bungana. Quintile 1 igizwe n'ingo zifite ubushobozi buke, naho Quintile 5 igizwe n'abafite ubushobozi bwinshi.

# INGO ZIKORESHA UMURIRO W'AMASHANYARAZI (%)


| 2014 | 2017 | 2024 |
|---|---|---|
| 22% | 34% | 72% |

**88 %** Mu bice by'umujyi
bivuye kuri 76% muri 2017

**65 %** Mu bice by'icyaro
bivuye kuri 25% muri 2017

Mu bice by'icyaro, niho ikigero cy'amashanyarazi kiyongereye ku muvuduko uri hejuru

Abari mu byiciro (quintiles) by'abafite ubushobozi buke nibo babonye amashanyarazi ku muvuduko uri hejuru. Bigaragaza uruhare rwa leta mu kwegereza abaturage ibikorwa remezo.




# INGO ZIKORESHA MURANDASI (%)

Ku rwego rw'igihugu ni **30%** bivuye kuri 17% muri 2017

**57 %** Mu bice by'umujyi
bivuye 38% muri 2017

**19%** Mu bice by'icyaro
bivuye 12% muri 2017

# IKORESHWA RYA SIMA/AMAKARO MU GUSASA HASI MU NZU

**39%**

Ku rwego rw'igihugu, bivuye kuri 27% muri 2017

**74 %**

Mu bice by'umujyi

bivuye kuri 72% muri 2017

**25 %**

Mu bice by'icyaro

bivuye kuri 17% muri 2017

# INGO ZIBONA AMAZI MEZA/AMAZI YO KUNYWA

**90%**

by'ingo zibona amazi meza yo kunywa, bivuye kuri 87% muri 2017.

**68%**

by'ingo zibona amazi meza yo kunywa hafi yabo.


(urugendo ruri munsi y'iminota 30)

**21%**

by'ingo zibona amazi meza yo kunywa, ariko bifata igihe kinini kuyageraho.

(urugendo ruri hejuru y'iminota 30 habariwemo no gutegereza)

% ry'ingo hagendewe ku hantu zikura amazi yo kunywa



# INGO ZINYUZWE N'AHO ZIKURA AMAZI

**45%**

by'ingo zinyuzwe n'ahantu zikura amazi, bivuye kuri 53% muri 2017

**40 %**

Mu bice by'umujyi


bivuye kuri 53% muri 2017

**48 %**

Mu bice by'icyaro

bivuye kuri 53% muri 2017

Habayeho gusubira inyuma mu ntara zose, ku bijyanye no kunyurwa n'ahantu ingo zikura amazi




# IKORESHWA RY'IBICANWA BITANGIZA IBIDUKIKIJE

**5%**

Ingo zikoresha ibicanwa bitangiza ibidukikije, bivuye kuri 1% muri 2017

**17%**

Mu bice by'umujyi

bivuye kuri 5% muri 2017

**1%**

Mu bice by'icyaro


bivuye kuri 0.2% muri 2017

Ibicanwa bitangiza ibidukikije:

- Gazi
- Biyogazi
- Amashanyarazi...

## IJANISHA RY'INGO HAGENDEWE KU BUSO (HA) BW'UBUTAKA BUHINGWA


Ingo zihinga ubuso bw'ubutaka buri munsi ya hegitare (Ha) imwe zariyongereye.




## IJANISHA RY'INGO Z'ABAHINZI ZIKORESHA IFUMBIRE MVARUGANDA




Ikoreshwa ry'ifumbire mvaruganda ryarazamutse.




## IJANISHA RY'ABITABIRA ISHURI

**Igipimo nyakuri**
ni igipimo cy'imyaka igenewe buri cyiciro cy'amashuri.
Ni ukuvuga hagati y'imyaka 6 na 11 mu mashuri abanza, n'imyaka 12 kugeza kuri 17 mu mashuri yisumbuye





## IMPINDUKA Y'IGIPIMO NYAKURI CY'ABITABIRA AMASHURI ABANZA

Ubwiyongere mu kwitabire mu mashuri abanza




## IMPINDUKA Y'IGIPIMO NYAKURI CY'ABITABIRA AMASHURI YISUMBUYE

Ubwiyongere mu kwitabira amashuli yisumbuye





## IMPINDUKA Y'IGIPIMO RUSANGE MU MASHURI ABANZA

Ukwiyongera kw'iki gipimo guterwa n'abanyeshuri basibira ndetse n'abatinda gutangira amashuri abanza.




# IMPINDUKA Y’IGIPIMO RUSANGE MU MASHURI YISUMBUYE

Ukwiyongera kw’iki gipimo guterwa n’abanyeshuri basibira ndetse n’abatinda gutangira amashuri yisumbuye.




# IGIPIMO CY’ABASOZA AMASHURI ABANZA

Igipimo cy’abasoza amashuri abanza ni igipimo cy’abana basoje amashuri bafite hagati y’imyaka 14 na 16




34 %
**Gabo**
Bivuye kuri 26% muri 2017

50 %
**Gore**
bivuye kuri 36% muri 2017

37 %
**Mu bice by’icyaro**
bivuye kuri 27% muri 2017

57 %
**Mu bice by’umujyi**
bivuye kuri 37% muri 2017

Republic of Rwanda
THE WORLD BANK
EUROPEAN UNION
UNFPA
unicef
for every child


RWF